RAPORO Y'AMAHUGURWA YABAYE KUVA TARIKI 13 KUGEZA 18 GASHYANTARE 1995 MU NZU Y'URUBYIRUKO YO KU KIMISAGARA.

-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-

## IBIKUBIYE MURI RAPORO

### INTANGIRIRO

I. Ijambo rya Minisitiri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe ritangiza amahugurwa.

II. Uko amahugurwa yagenze

III. Ibyifuzo byatanzwe n'urubyiruko

IV. Ijambo ry'Umuyobozi w'Imirimo mu Biro bya Minisitiri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe risoza amahugurwa.

### UMWANZURO RUSANGE

### IMIGEREKA

- Ijambo rya Minisitiri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe ritangiza amahugurwa
- Isomo ry'uburere mbonera gihugu
- Isomo ryo gutegura no gucunga umushinga ubyara inyungu
- Isomo ry'imitere n'imikorere y'Amashyirahamwe
- Isomo ryo kwigisha imikino mu rubyiruko
- Isomo ry'uburyo bwo kuyobora abantu
- Ikiganiro kuburyo bwo kwirinda no kurwanya Sida
- Inzego z'urubyiruko
- Uko imari yakoreshejwe
- Ijambo ryo gushimira.

INTANGIRIRO

Ihugurwa ry'Urubyiruko rwo muri Perefegitura y'Umujyi wa KIGALI ryabereye mu nzu y'Urubyiruko ku KIMISAGARA kuva ku itariki ya 13 kugeza kya 18 Gashyantare 1995, ryitabiriwe n'abasore n'inkumi 220 baturutse muri za Segiteri z'amakomini ya NYARUGENGE, KACYIRU na KICUKIRO. Bari bahagarariye ahanini bagenzi babo bo mu mashyirahamwe, mu miryango y'urubyiruko, amatorero, abayobozi b'urubyiruko muri za Segiteri, ndetse hajemo na rwarubyiruko bita ba "MAYIBOBO".

Iryo hugurwa rikaba ryarateguwe n'impuguke za Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe ari nazo zigishije amasomo yari ateganyijwe; ryaje rikurikira igikorwa Minisiteri yari irangije cyo gusura ibikorwa by'Urubyiruko mu Mujyi wa KIGALI. Basanze rero nyuma y'intambara KIGALI yarakiriye urubyiruko rwinshi kandi ruturutse hirya no hino ndetse no hanze y'igihugu. Hakaba hari urwatangiye kwisuganya ngo rushake icyo rwakora kugirango rushobore kugira imibereho myiza, hari n'urundi ruri aho rutegereje ko hari uwarwitaho akarufasha hakaba n'urutazi icyo rwakora ruri mu icuraburindi rwahisemo kwibera inzererezi mu Mujyi.

Ubuyobozi bw'Urubyiruko n'Amashyirahamwe muri Perefegitura y'Umujyi wa KIGALI bukaba ariko bwaratangiye kugeregeza kwegera urwo rubyiruko ngo barugire inama mu mikorere yarwo, batekerereze hamwe ibikorwa byarufasha kwibeshaho no kureba ukuntu urwo rubyiruko rwakwishyiriraho inzego z'ubuyobozi. Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe ikaba yarasanze ari ngombwa gushimangira icyo gikorwa hagakoreshwa amahugurwa y'abahagarariye urubyiruko bashobora nabo kuzahugura nyuma bagenzi babo.

Ihugurwa ryari rigizwe n'amasomo akurikira :

- Uburere mbonera-gihugu
- Uko bategura n'uko bacunga umushinga muto ubyara inyungu
- Imikorere n'imicungire y'amashyirahaůwe
- Kuyobora abantu muri rusange n'urubyiruko ku buryo bw'umwihariko
- Akamaro k'imikino n'uburyo bunogeye bwo kuyitoza abandi
- Uburyo bwo kwirinda no kurwanya icyorero cya Sida.

Amasomo yatangiraga saa mbiri akarangira saa kumi n'igice hakanyuzamo ikiruhuko cy'isaha n'igice kuva saa sita n'igice kugeza saa munani. Muri icyo kiruhuko nibwo abaje mu ihugurwa bahabwaga ifunguro. Kugirango gahunda y'amahugurwa itungane hashyizweho amamodoka ya ONATRACOM abiri (Bus) yatwaraga urubyiruko mu gitondo na ni mugoroba. Na none kugirango icyo gikorwa Minisiteri ishobore kukigeraho yatewe inkunga n'amashami : Iry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku bana "UNICEF" ryimeje gutanga amafaranga yakoreshejwe muri iryo hugurwa ritanga n'amazi yakoreshejwe muri icyo cyumweru. Hamwe n'ayandi mashami nka PAM yaduhaye ibishyimbo hamwe n'amavuta, tutibagiwe na Caritas yaduhaye ibisuguti

Muri rusange abaje mu ihugurwa bishimiye uburyo amasomo yateguwe n'uko yatanzwe kandi bayakurikiranye ubwitonzi n'umurava. Bakaba bariyemeje no gufata gahunda yo kuyageza kuri bagenzi babo bahagarariye bakayabigisha.

<u>Ijambo rya Minisitiri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe atangiza amahugurwa</u>

Minisitiri afata ijambo yavuze ko iryo hugurwa ribumburiye andi ateganyirijwe urubyiruko mu gihugu cyose ngo rwongere rwisuganye, rusabane, rutozwe imico mishya y'amahoro no koroherana kugirango rwongere rwubake igihugu kivuye mu bihe bibi by'ubwicanyi n'intambara.

Yashimiye abitabiriye iyo mihango, bigaragaza ko bazirikana uruhare rw'urubyiruko mu mizamukire y'igihugu. Kuburyo bw'umwihariko Ishami ry'Umuryanho w'Abibumbye ryita kubana "UNICEF" kuba abayobozi baryo mu Rwanda baremeye gushyigikira umushinga wo kongera guhuza no kwigisha urubyiruko.

Minisitiri yasobanuye ko ihugurwa rije rikurikira isura ry'imishinga n'ibikorwa byagenewe urubyiruko muri Perefegitura y'Umujyi wa KIGALI rikaba ryari rigamije kumenya uko urubyiruko rungana, uko rwifashe n'imibereho yarwo, imiterere y'ibikorwa byarugenewe n'ibikenewe kugira ngo byongere bigire ireme. Muri iryo sura hagaragaye ko ibikorwa by'urubyiruko byangiritse, Umujyi wa KIGALI wakiriye urubyiruko rwinshi rw'ingeri nyinshi nyuma y'ibihe bibi igihugu kivuyemo.

.../...

Urwo rubyriruko rukaba rutarasabana, rugitanyana ariko rurangwa n'ubushake bwo kwirwanaho ngo rubone ikirutunga no kugira uruhare mu mibereho y'igihugu. Gahunda yo kwita ku rubyriruko Minisiteri yatangiriye mu Mujyi wa KIGALI iteganyirijwe urubyiruko rw'igihugu cyose. Iyo gahunda iteganya gukora amahugurwa n'ibiganiro bigamije kurandura burundu mu rubyiruko imico mibi yoretse igihugu cyacu, rugahabwa uburere bushyashya mbonera-gihugu, rukigishwa uburyo bwo gutegura no gucunga umushinga muto wongera umusaruro, imikorere n'imigendekere y'amashyirahamwe, kuyobora abantu muri rusange n'urubyiruko ku buryo bw'umwihariko, akamaro k'imikino n'uburyo bunogeye bwo kuyitoza abandi, uburyo bwo kwirinda no kurwanya icyorezo cya Sida.

Ibikorwa byongera umusaruro mu rubyiruko bikwiye kwitabwaho, abasore n'inkumi bakigishwa, bagafashwa, bagashyigikirwa kugira ngo bitangire ibikorwa byongera umusaruro koko. Imikino n'imyidagaduro ikwiranye n'urubyiruko rw'abanyarwanda bigomba kwitabwaho kuko ari nayo izajya ibafasha guhuza urubyiruko kugira ngo rwitabire izindi gahunda.

Minisitiri yasabye abahagarariye urundi rubyiruko kurwumvisha akamaro ko kwishyiriraho inzego zarwo rushobora gukoreramo, rukasanzura kandi rukagaragaza ibitekerezo byarwo byubaka. Abizeza ko Minisiteri izabatera inkunga yose ishobotse kugira ngo izo nzego zijyeho.

Yarangije ijambo rye yongera gushimira abagize igitekerezo cyiza cyo guteganya iryo hugurwa n'abashyigikiye bose gahunda ngo igerweho.

## UKO IHUGURWA RYAGENZE

Abahagarariye urubyiruko rw'ingeri zose muri Perefegitura y'Umujyi wa KIGALI bateraniye mu Kigo cy'Urubyiruko cya KIMISAGARA kuva tariki ya 13 Gashyantare kugeza kuya 18 Gashyantare 1995.

Twahuguwe mu ngingo zikurikira :

1. Uburere mbonera gihugu
2. Gutegura no gucunga imishinga ibyara inyungu
3. Uburyo bwo kuyobora abantu

4. Imiterere n'imicungire y'amashyirahamwe

5. Inzego z'urubyiruko

6. Uburyo bwo kwigisha imikino mu rubyiruko

7. Kwirinda no kurwanya icyorezo cya Sida.

Twanaboneyeho umwanya wo kungurana ibitekerezo ku bibazo duhura nabyo buri munsi. Muri ibyo bibazo twavuga ibi bikurikira :

1. Nk'uko twabisuzumye muri iri hugurwa, bavuga ko urubyiruko rwakwihutira gufasha Leta mu kubaka igihugu. None se Leta yo yijeje iki urubyiruko ngo ruyifashe kurushaho?

2. Ikibazo cyo kubura uburyo butuma abayobozi b'urubyiruko muri Segiteri batagera aho urubyiruko rukorera.

3. Hari abana benshi bigaga; bahekwuye ababyeyi babo n'intambara, none bakaba ari nta mikoro bafite. Abo bana bazafashwa nande? Bazarihirwa nande?

4. Abayobozi b'urubyiruko mu rwego rwa Segiteri bafite imirimo myinshi ndetse ibatesha imirimo yabo ya buri munsi. Nta shimwe muteganya kubaha kugira ngo barusheho kwita kuri uwo murimo?

5. Ikibazo cy'ibikoresho ku matorero n'amakipi y'imikino. Amasegiteri amwe ntaho kwitoreza bagira.

6. Ikibazo cy'ibikoresho ku mashyirahamwe afite gahunda yo mu buhinzi.

7. Hari imiryango myinshi idaharanira inyungu nk'abasukuti, abasaveri n'abandi bibaza igituma Leta itabitaho ngo ibasure ndetse bishotse ibafashe.

N'ubwo ariko hari izo ngorane, twiyemeje gukangurira urubyiruko dukorana guhagurukira ibikorwa biruhesha agaciro no gushyiraho inzego zarwo.

Twiyemeje kuzagirana inama ku buryo bukurikira :

- KICUKIRO : Kuya 25 Gashyantare 1995
- KACYIRU : Kuya 23 Gashyantare 1995
- NYARUGENGE : Kuya 26 Gashyantare 1995.

Dufite ariko n'ibyifuzo

1. Turasaba Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe guteganyiriza Urubyiruko gahunda ituma rubasha kubona imirimo.
2. Turasaba Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe kudufasha gushyiraho urwego ruhuza amashyirahamwe yacu, tugahahirana, tukanasabana.
3. Turasaba ko mu nteko ishinga amategeko habamo umudepite userukira urubyiruko akita ku bibazo byarwo.
4. Turifuza ihugurwa nk'iri mu rwego rw'igihugu ryahuza abahagarariye Urubyiruko rwose rw'u Rwanda.
5. Turifuza ko abayobozi b'Urubyiruko bahabwa uburyo bakagenderera Urubyiruko, bakareba ibibazo rufite, bakabikemura.
6. Turifuza ko Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe ifatanyije n'abandi bose babishoboye yakwita ku kibazo cy'abana batagira kivurira bise "ba MAYIBOBO" nabo bagahabwa uburenganzira nk'abandi bana.

Ibibazo, ibyemezo n'ibyifuzo byatanzwe n'urubyiruko

1. Ibibazo

- Abayozi b'urubyiruko muri Segiteri babura uburyo bwo kugera aho urubyiruko rukorera kandi nta n'ishimwe babona.
- Ibibazo by'ibikoresho ku matorero n'amakipi y'imikino no kubura aho bitoreza.
- Amashyirahamwe akeneye inkunga y'ibikoresho
- Imiryango y'urubyiruko ikeneye gusurwa no gufashwa.

2. <u>Ibyemezo</u> :

Abahagarariye urubyiruko biyemeje gukangurira urubyiruko guhagurikira ibikorwa biruhesha agaciro no gushyiraho inzego zarwo.

3. <u>Ibyifuzo</u> :

Basabye Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe :

- Gutegura gahunda ituma urubyiruko rubasha kubona imirimo
- Gushyiraho urwego ruhuza amashyirahamwe yabo kugira ngo bahahirane banasabane.
- Gutegura ihugurwa ryahuza abahagarariye urubyiruko rwose rwo mu Rwanda
- Gufasha amashyirahamwe yo mu Mujyi wa KIGALI gukemura ibibazo by'imikorere yayo hifashishijwe inzego zibishinzwe muri Perefegitura
- Kwita ku kibazo cy'abana bise "ba MAYIBOBO" batagira kivurira kugira ngo bahabwe uburenganzira nk'abandi bana.

Ijambo ry'Umuyobozi w'Imirimo mu biro bya Ministiri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe risoza amahugurwa.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

Umuyobozi w'Imirimo mu biro bya Ministri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe afata ijambo yabanje kwibutsa icyo ayo mahugurwa yari agamije, avuga ko ari uguhuza Urubyiruko kugirango rwongere rujye hamwe rusabane, rugira imico myiza kandi mishya yo kubaka igihugu urebye ibihe bibi by'itsembatsemba n'itsembabwoko igihugu kivuyemo.

Yashimiye abitabiriye iyo mihango, avuga ko abona ko bashyigikiye iterambere ry'Urubyiruko ari nacyo cyizatuma igihugu cyacu kigira imizamukire mw'iterambere ari mu mutungo, mu mibanire myiza n'ibindi. Abo rero nabo naba ni UNICEF, P.A.M. hamwe na CARITAS.

Umuyobozi w'Imirimo mu biro bya Ministri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe yashimiye abahagarariye urundi rubyiruko ukuntu bigomwe ibindi bikorwa bagakoze by'iminsi yose bakaza muriryo hugurwa kugira ngo babe abakangurambaga, abatoza ari nabo bahuza b'urundi rubyiruko kugirango rusabane rwiyunge runatera imbere mu bikorwa. Yorongeye abashimira ubwitonzi bagize n'ubushishozi mu gikorwa cyari cyabazanye, arongera abasaba ko kandi abereka ko Urubyiruko rurangwa n'ubushake, ingoga, umurava mu bikorwa kandi ko bakwiye kugira uruhare rugaragara mu mibereho myiza hamwe n'iterambere ry'igihugu.

Umuyobozi w'Imirimo mu biro bya Ministri yahereyeko yibutsa urubyiruko ko rwose ari urubyiruko rw'u Rwanda ntatandukanirizo rihari ari uguhera ku banyeshuri, abacuruzi, aboza imodoka ndetse no gushyika kuri ba Mayibobo.

.../...

Aherako abasaba ko urubyiruko rukwiye kwita ku bikorwa byo kongera umusaruro uko niyo ntangiriro yo gusana ibyononekaye kubera itsembatsemba akaba ari nabyo bizatugeza ku majyambere nyakuri.

Yarangije ijambo rye yongera gushimira abagize igitekerezo cyiza cyo guteganya iryo hugurwa n'abashyigikiye gahunda ngo igerweho, arongera yibutsa abahagarariye urubyiruko muriryo hugurwa ko igikorwa cyabo cyidahagarariye aho ahubwo ko arukugenda bakigisha bagenzi babo kandi bakababera intanga rugero.

## UMWANZURO RUSANGE

Muri rusange amahugurwa yagenze neza, amasomo yatanzwe uko byari byateganijwe n'ubwitonzi bwari bwinshi mu rubyiruko rwariho ruhugurwa hamwe ndetse no mubabahuguraga. Ibyo rero tukabona ko bizadufasha cyane mu gukurikiranira hafi urubyiruko mu Mujyi wa KIGALI ari nabyo bizatuma ubwiyunge, ubusabane buzagaruka vuba mururwo rubyiruko bigaherako bigatuma itsembatsemba ni tsembabwoko bitazagaruka mu Rwanda, ari nayo ntandaro yo kugeza igihugu cyacu kw'iterambere.

Twararebye dusanga urubyiruko rwahuguwe ruzakangurira bagenzi babo ibikorwa byo kongera umusaruro muri rusange bityo bikaba byatuma urubyiruko rugira uruhare rugaragara mu kongera kubaka igihugu mu rwego rw'ubukungu.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

=-=-=-=-=-=-=

=-=-=